| | | |
|---|---|---|
| **Umwaka wa 59** | **Year 59** | **59ème Année** |
| **Igazeti ya Leta n° 26 yo ku wa 24/08/2020** | **Official Gazette n° 26 of 24/08/2020** | **Journal Officiel n° 26 du 24/08/2020** |

## A. *Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels*

**N° 079/01 ryo ku wa 17/08/2020**
Iteka rya Perezida ryirukana burundu ba Ofisiye muri Polisi y'u Rwanda ……………………3
**N° 079/01 of 17/08/2020**
Presidential Order dismissing Officers from Rwanda National Police…………………………3
**N° 079/01 du 17/08/2020**
Arrêté Présidentiel portant révocation des Officiers de la Police Nationale du Rwanda………3

**N° 080/01 ryo ku wa 17/08/2020**
Iteka rya Perezida risezerera nta mpaka ba Ofisiye ba Polisi muri Polisi y'u Rwanda……...12
**N° 080/01 of 17/08/2020**
Presidential Order dismissing without notice Officers from Rwanda National Police………12
**N° 080/01 du 17/08/2020**
Arrêté Présidentiel portant démission d'office des Officiers de la Police Nationale du Rwanda………………………………………………………………………………….12

## B. *Guhindura amazina / Change of Names / Changement de noms*

*Icyemezo gitanga uburenganzira bwo guhindura izina*

MUKANGARAMBE Alexandrine……………………………………………………………19
Gaia Lys TerBlanche…………………………………………………………………………20
NDAYISHIMIYE Adam……………………………………………………………………….21
MUHINDAKAZI Belise………………………………………………………………………..22
MAISHA Jean Marie Vianney…………………………………………………………………23
Levi Sheja UWIBAMBE……………………………………………………………………….24

***Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura izina***

BYUKUSENGE Delphine………………………………………………………………….25
MUTEBWAMASO……………………………………………………………………….25
RWAMURIMA Theoneste……………………………………………………………….26
MUTONI ISHIMWE Peace…………………………………………………………….....26
TURATSINZE Aime Fabrice…………………………………………………………….27
NDIKUMANA Anastase…………………………………………………………………...27
MUBERUKA Jamadah……………………………………………………………………..28
KAMALIZA Uwitonze……………………………………………………………………..28
RUBANDA Abel………………………………………………………………………….29
YEZAKUZWE Genereuse…………………………………………………………………29
NYINAWABASINDI Mediatrice…………………………………………………………30
NSABUMUGABE Ratifa…………………………………………………………………..30
MVANO KIREZI Shania Tanita………………………………………………………….…31
BIHOMORA Elisabeth Grace…………………………………………………………...31
HAKIZIMANA Elissa……………………………………………………………………..32
SHEMARYASE Frank…………………………………………………………………......32
NTAKIRUTIMANA Simeon………………………………………………………………33
GATEGABONDO KANGABE Veronique……………………………………………….33
MUKANDAYISENGA Marie Diora………………………………………………….......34
HITABATUMA Emmanuel…………………………………………………………….....34

***C. Amakoperative***

ABABAJI NYANZA………………………………………………………………………..35
INTAGERURA ZA MUHANDA (KIM) ………………………………………………....36
DUTERANINKUNGA COKO……………………………………………………………...37

| ITEKA RYA PEREZIDA N° 079/01 RYO KU WA 17/08/2020 RYIRUKANA BURUNDU BA OFISIYE MURI POLISI Y'U RWANDA | PRESIDENTIAL ORDER N° 079/01 OF 17/08/2020 DISMISSING OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE | ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 079/01 DU 17/08/2020 PORTANT RÉVOCATION DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Kwirukanwa burundu**<br><br>**Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>**Ingingoy ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**<br><br>**Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article One: Dismissal**<br><br>**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>**Article 3: Repealing provision**<br><br>**Article 4: Commencement** | **Article Premier: Révocation**<br><br>**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>**Article 3: Disposition abrogatoire**<br><br>**Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 079/01 RYO KU WA 17/08/2020 RYIRUKANA BURUNDU BA OFISIYE MURI POLISI Y'U RWANDA** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 079/01 OF 17/08/2020 DISMISSING OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 079/01 DU 17/08/2020 PORTANT RÉVOCATION DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120 iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176; |
| Dushingiye ku Iteka rya Perezida nº 30/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho sitati yihariye igenga Abapolisi cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 67 n'iya 70; | Pursuant to the Presidential Order nº 30/01 of 09/07/2012 on specific statute for Police Officers especially in Articles 67 and 70; | Vu l'Arrêté Présidentiel nº 30/01 du 09/07/2012 portant statut particulier des policiers spécialement en ses articles 67 et 70; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta; | On proposal by the Minister of Justice and Attorney General; | Sur Proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 02/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 02/06/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 02/06/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya mbere: Kwirukanwa burundu** | **Article One: Dismissal** | **Article Premier: Révocation** |
| Ba Ofisiye bafite amazina na nimero za matirikire biri ku mugereka w'iri teka birukanywe burundu muri Polisi y'u Rwanda. | Officers whose names and registration numbers appear in the Annex of this Order are dismissed from Rwanda National Police. | Les Officiers dont les noms et numéros matricules figurent sur la liste en annexe du présent arrêté sont révoqués de la Police Nationale du Rwanda. |
| **Igingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister and the Minister of Justice and Attorney General are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre et le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **Ingingoya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro ka ryo gahera ku wa 02/06/2020. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 02/06/2020. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 02/06/2020. |

| |
|---|
| Kigali, 17/08/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N° 079/01 RYO KU WA 17/08/2020 RYIRUKANA BURUNDU BA OFISIYE MURI POLISI Y'U RWANDA | ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N° 079/01 OF 17/08/2020 DISMISSING OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE | ANNEXE À L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 079/01 DU 17/08/2020 PORTANT RÉVOCATION DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA |
|---|---|---|

| BA OFISIYE BIRUKANYWE | OFFICERS DISMISSED | OFFICIERS REVOQUÉS |
|---|---|---|

| SN | P/N | IPETI/RANK/GRADE | AMAZINA/NAMES/NOMS |
|---|---|---|---|
| 1. | 00090 | ACP | MUTSINZI Eric |
| 2. | 00130 | SSP | VUNINGOMA Alex |
| 3. | 01047 | SSP | KABANDA Emmanuel |
| 4. | 01791 | SSP | KAMALI Celestin |
| 5. | 00349 | CIP | SIBOMANA Evariste |
| 6. | 00438 | CIP | RUGERUZA Faustin |
| 7. | 00720 | CIP | NKUNDABERA Evariste |
| 8. | 00754 | CIP | HITAYEZU Faustin |
| 9. | 01215 | CIP | NDEREYIMANA Juvenal |
| 10. | 01456 | CIP | HIGIRO MUTABARUKA Deo |
| 11. | 01543 | CIP | TWAGIRIMANA Robert |
| 12. | 02100 | CIP | UWITIJE Vedaste |
| 13. | 03905 | CIP | SANYU Juliet |
| 14. | 01545 | IP | NSENGIMANA Jean Damascene |
| 15. | 01901 | IP | RUHANIKA Emmanuel |
| 16. | 02147 | IP | BYAGATONDA Wilson |
| 17. | 02238 | IP | NGOGA Abdoul |
| 18. | 02633 | IP | GATETE Norbert |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 19. | 02891 | IP | BAVUGIRIJE Abdallah |
| 20. | 03192 | IP | MURAMUTSA Leodomir |
| 21. | 03208 | IP | RYUMUGABE Jonas |
| 22. | 03534 | IP | SERISANSEMA William |
| 23. | 03808 | IP | NSABIMANA Theodore |
| 24. | 04671 | IP | NSHIMIYIMANA Thadee |
| 25. | 04805 | IP | WASWA Cosma |
| 26. | 05748 | IP | YAMURAGIYE Vincent de Paul |
| 27. | 05878 | IP | GAKOMEYE Peter |
| 28. | 10404 | IP | UZABAKIRIHO Tito |
| 29. | 12400 | IP | RUGWIZANGOGA Eric |
| 30. | 12434 | IP | JABO Epimaque |
| 31. | 12452 | IP | KAYIHURA Jean Bosco |
| 32. | 12467 | IP | KANGONDO Teddy |
| 33. | 14752 | IP | KUBWIMANA Callixte |
| 34. | 04205 | AIP | KAGAME Andrew |
| 35. | 04751 | AIP | MUHIRE Jonathan |
| 36. | 05107 | AIP | NDABUKIYE Jean Baptiste |
| 37. | 05352 | AIP | NTAWIZERA NSHUTI Livin |
| 38. | 06183 | AIP | SADIKI Alexis |
| 39. | 06269 | AIP | KABANDA James |
| 40. | 14770 | AIP | KWIZERA David |
| 41. | 15046 | AIP | NKUNDIMANA Diogene |
| 42. | 15057 | AIP | BYAGATONDA Faustin |
| 43. | 17303 | AIP | UWIMANA Eric |
| 44. | 17308 | AIP | KAYIGIRE Alphonse |
| 45. | 17335 | AIP | NIYIRAGIRA Jean Claude |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 46. | 17447 | AIP | MUKAKINANI Mary |
| 47. | 19400 | AIP | SIMUGOMWA Didier |
| 48. | 19467 | AIP | GATARI Octave |
| 49. | 19479 | AIP | MUZAMUZI Jean Bosco |
| 50. | 19525 | AIP | AZAZA SAM |
| 51. | 19526 | AIP | GASASIRA Innocent |
| 52. | 20461 | AIP | NKURUNZIZA Jean Claude |
| 53. | 20474 | AIP | RUBIMBURA Desire |
| 54. | 20503 | AIP | BAGIRE Eduard |
| 55. | 20555 | AIP | UWIZEYE Francine |
| 56. | 20573 | AIP | KAGAME Alexis |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 079/01 ryo ku wa 17/08/2020 ryirukana burundu ba Ofisiye muri Polisi y'u Rwanda** | **Seen to be annexed to Presidential Order n° 079/01 of 17/08/2020 dismissing Officers from Rwanda National Police** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 079/01 du 17/08/2020 portant révocation des Officiers de la Police Nationale du Rwanda** |

| |
|---|
| Kigali, 17/08/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 080/01 RYO KU WA 17/08/2020 RISEZERERA NTA MPAKA BA OFISIYE BA POLISI MURI POLISI Y'U RWANDA** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 080/01 OF 17/08/2020 DISMISSING WITHOUT NOTICE OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 080/01 DU 17/08/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Gusezererwa nta mpaka** | **Article One: Dismissal without notice** | **Article Premier: Démission d'office** |
| **Ingingo ya 2: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **Article 3: Repealing provision** | **Article 3: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 4: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **Article 4: Commencement** | **Article 4: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 080/01 RYO KU WA 17/08/2020 RISEZERERA NTA MPAKA BA OFISIYE MURI POLISI Y'U RWANDA** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 080/01 OF 17/08/2020 DISMISSING WITHOUT NOTICE OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 080/01 DU 17/08/2020 PORTANT DÉMISSION D'OFFICE DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République; |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176; |
| Ashingiye ku Iteka rya Perezida nº 30/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho sitati yihariye igenga Abapolisi cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20 n'iya 69; | Pursuant to the Presidential Order nº 30/01 of 09/07/2012 on specific statute for Police Officers especially in Articles 20 and 69; | Vu l'Arrêté Présidentiel nº 30/01 du 09/07/2012 portant statut particulier des policiers spécialement en ses articles 20 et 69; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta; | On proposal by the Minister of Justice and Attorney General; | Sur Proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 02/06/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 02/06/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 02/06/2020; |
| **TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:** | **HAVE ORDERED AND ORDER:** | **AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusezererwa nta mpaka** | **<u>Article One</u>: Dismissal without notice** | **<u>Article premier</u>: Démission d'office** |
| Ba Ofisiye bafite amazina na nimero za matirikire biri ku mugereka w'iri teka basezerewe nta mpaka muri Polisi y'u Rwanda. | Officers whose names and registration numbers appear on the annex of this Order are hereby dismissed without notice from Rwanda National Police. | Les Officiers dont les noms et numéros matricules figurent sur la liste en annexe du présent Arrêté sont démis d'office de la Police Nationale du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 2</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 2</u>: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté** |
| Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister and the Minister of Justice and Attorney General are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre et le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 3</u>: Repealing provision** | **<u>Article 3</u>: Disposition abrogatoire** |
| Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi anyuranyije na ryo zivanyweho. | All prior provisions contrary to this Order are repealed. | Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 4</u>: Commencement** | **<u>Article 4</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 02/06/2020. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 02/06/2020. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 02/06/2020. |

| |
|---|
| Kigali, 17/08/2020<br><br>**(sé)**<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| **(sé)**<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**BUSINGYE Johnston**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N° 080/01 RYO KU WA 17/08/2020 RISEZERERA NTA MPAKA BA OFISIYE MURI POLISI Y'U RWANDA | ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N° 080/01 OF 17/08/2020 DISMISSING WITHOUT NOTICE OFFICERS FROM RWANDA NATIONAL POLICE | ANNEXE À L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 080/01 DU 17/08/2020 PORTANT DÉMISSION DES OFFICIERS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA |
|---|---|---|

| BA OFISIYE BASEZEREWE | OFFICERS DISMISSED | OFFICIERS DÉMIS D'OFFICE |
|---|---|---|

| SN | P/N | IPETI | AMAZINA/NAMES/NOMS |
|---|---|---|---|
| 1. | 02703 | CIP | GAHAMANYI Janvier Monfort |
| 2. | 10420 | AIP | RUSHIMIRWA Alexis |
| 3. | 12460 | AIP | MBABAJENDE NIYIBIZI Jean Claude |
| 4. | 19524 | AIP | BIHOYIKI Swaleh |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 080/01 ryo ku wa 17/08/2020 risezerera nta mpaka ba Ofisiye muri Polisi y'u Rwanda** | **Seen to be annexed to Presidential n° 080/01 of 17/08/2020 dismissing without notice Officers from Rwanda National Police** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 080/01 du 17/08/2020 portant démission des Officiers de la Police Nationale du Rwanda** |

Kigali, 17/08/2020

**(sé)**

**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

**(sé)**

**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Sean and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**P.O.BOX 3445, KIGALI**
**Website**: www.minaloc.gov.rw

**ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri Nº 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya MUKANGARAMBE Alexandrine yakiriwe ku wa 25/11/2019 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Madamu MUKANGARAMBE Alexandrine mwene AYABAHUTU Bernard na MUKAMURANGWA Enathe utuye mu Mudugudu w'Urumuri, Akagari ka Rwampara, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0788407079; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe**: GAJU Sandrine**

Bikorewe i Kigali, ku wa 09/01/2020

**(sé)**
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**P.O.BOX 3445, KIGALI**
**Website**: www.minaloc.gov.rw

**ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya Gaia Lys TerBlanche yakiriwe ku wa 08/02/2020 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Madamu Gaia Lys TerBlanche utuye mu Mudugudu wa Gaseke, Akagari ka Niboye, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0782155859; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe**: Gaia Lys Amata TerBlanche**

Bikorewe i Kigali, ku wa 05/06/2020

**(sé)**
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**P.O.BOX 3445, KIGALI**
**Website**: www.minaloc.gov.rw

## ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya NDAYISHIMIYE Adam yakiriwe ku wa 02/03/2020 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Bwana NDAYISHIMIYE Adam mwene HARERIMANA Issa na MUKANKAKA Zamda, utuye mu Mudugudu wa Rugano, Akagari ka Kora, Umurenge wa Gitega, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali, uboneka kuri telefone N° 0782298975; ahinduye amazina asanganywe.

Kuva ubu yiswe**: NKAKA Adam**

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/07/2020

**(sé)**
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**<u>ICYEMEZO CYO GUHINDURA AMAZINA</u>**

Nk'uko biteganywa n' Itegeko Nº 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango mu ngingo yaryo ya 42;

Hakurikijwe Iteka rya Minisitiri Nº 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Duhereye ku ibaruwa ya MUHINDAKAZI Belise isaba guhindura izina yari asanzwe yitwa ryanditse mu irangamimerere;

**Twemeje ko:**

Madamu MUHINDAKAZI Belise utuye mu Mudugudu wa Inkingi, Akagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali ahinduye izina yitwaga, rihinduka **LINDA Belyse** kuva none.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-21

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**<u>ICYEMEZO CYO GUHINDURA AMAZINA</u>**

Nk'uko biteganywa n' Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango mu ngingo yaryo ya 42;

Hakurikijwe Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Duhereye ku ibaruwa ya MAISHA Jean Marie Vianney isaba guhindura izina yari asanzwe yitwa ryanditse mu irangamimerere;

**Twemeje ko:**

Bwana MAISHA Jean Marie Vianney utuye mu Mudugudu wa Akamamana, Akagari ka Karuruma, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali ahinduye izina yitwaga, rihinduka **MANZI AISHA Prince** kuva none.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-24

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**P.O.BOX 3445, KIGALI**
**Website**: www.minaloc.gov.rw

**ICYEMEZO GITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA IZINA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;**

Ashingiye ku Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 42;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo ku wa 17/01/2017 rishyiraho uburyo n'inzira bikurikizwa mu guhindura izina;

Amaze kubona ibaruwa ya Elie NSABINDORA na Josiane UWIBAMBE yakiriwe ku wa 28/02/2020 isaba uburenganzira bwo guhindura amazina y'umwana wabo asanzwe yanditse mu gitabo cy'Irangamimerere;

**Yemeje ko:**

Bwana Elie NSABINDORA na Madamu Josiane UWIBAMBE batuye mu Mudugudu wa Virunga, Akagari ka Kibaza, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, baboneka kuri telefone N° 0788304033/0788399855; bemerewe guhindura amazina umwana wabo asanganywe, Levi Sheja UWIBAMBE.

Kuva ubu yiswe**: Levi Sheja NSABINDORA**

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/05/2020

**(sé)**
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri**

## INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA BYUKUSENGE Delphine RUSABA GUHINDURA IZINA

Uwitwa BYUKUSENGE Delphine mwene BICAMUMPAKA Theoneste na MUKAMUHIRE Vestine, utuye mu Mudugudu wa Gatuna, Akagari ka Rwankonjo, Umurenge wa Cyumba, Akarere ka Gicumbi mu Ntara y'Amajyaruguru, uboneka kuri telefone N° 0789902881;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina BYUKUSENGE izina **NTAGARA** mu mazina asanganywe BYUKUSENGE Delphine, akitwa **NTAGARA Delphine** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina NTAGARA ari izina ry'umuryango ashaka kwitwa.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina BYUKUSENGE izina **NTAGARA** mu mazina asanganywe BYUKUSENGE Delphine, bityo akitwa **NTAGARA Delphine** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

## INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA Madamu MUTEBWAMASO RUSABA GUHINDURA IZINA

Uwitwa MUTEBWAMASO mwene Bajyiyobashaka na Mukampirwa, utuye mu Mudugudu wa Butare, Akagari ka Butare, Umurenge wa Cyeru, Akarere ka Burera mu Ntara y'Amajyaruguru, uboneka kuri telefone N° 0788714909;

Yasabye uburenganzira bwo guhindura izina MUTEBWAMASO akarisimbuza amazina **UMUBYEYI Solange** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina MUTEBWAMASO rimutera ipfunwe naho izina Solange akaba ari izina yabatijwe kandi yakoresheje mu mashuri nk'uko bigaragazwa n'ibyangombwa bye by'amashuri n'ikarita yo kubatizwa.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, guhindura izina MUTEBWAMASO akarisimbuza amazina **UMUBYEYI Solange** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA RWAMURIMA Theoneste RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa RWAMURIMA Theoneste mwene MUGIRANEZA Nathan na KABAGWIRA Speciose, utuye mu Mudugudu wa Kibondo II, Akagari ka Simbwa, Umurenge wa Kabarore, Akarere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone Nº 0785565051;

Yasabye uburenganzira bwo gusimbuza izina Theoneste izina **Neckson** ku mazina asanganywe RWAMURIMA Theoneste akitwa **RWAMURIMA Neckson** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina Neckson ari izina yabatijwe akaba ashaka kuryitwa ku buryo bwemewe n'amategeko. Ikindi ni uko aya mazina ari yo yakoresheje ku nyandiko z'ishuri.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gusimbuza izina Theoneste izina **Neckson** ku mazina asanganywe RWAMURIMA Theoneste bityo akitwa **RWAMURIMA Neckson** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA MUTONI ISHIMWE Peace RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa MUTONI ISHIMWE Peace mwene GASANGWA Emmanuel na MUSANABERA Catherine, utuye mu Mudugudu wa Kinihira, Akagari ka Barija, Umurenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba, uboneka kuri telefone Nº 0785640871/0788832571;

Yasabye uburenganzira bwo gukura izina MUTONI mu mazina asanganywe MUTONI ISHIMWE Peace akitwa **ISHIMWE Peace** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina MUTONI n'ubwo yaryiswe n'ababyeyi be atigeze arikoresha mu bindi byangombwa bimuranga, by'umwihariko mu nyandiko z'ishuri, rikaba rimubangamira kuko rituma ibyangombwa bye binyuranya umwirondoro.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, gukura izina MUTONI mu mazina asanganywe MUTONI ISHIMWE Peace bityo akitwa **ISHIMWE Peace** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA TURATSINZE Aime Fabrice RUSABA GUHINDURA IZINA**

Uwitwa TURATSINZE Aime Fabrice mwene KARAKE Silas na IRORISHIMWE Charlotte, utuye mu Mudugudu w'Urugwiro, Akagari ka Kidahwe, Umurenge wa Nyamiyaga, Akarere ka Kamonyi mu Ntara y'Amajyepfo, uboneka kuri telefone Nº 0781335560/0725123545;

Yasabye uburenganzira bwo kongera izina KARAKE mu mazina asanganywe TURATSINZE Aime Fabrice akitwa **TURATSINZE KARAKE Aime Fabrice** mu Irangamimerere.

Impamvu atanga ni uko izina KARAKE ari izina rya papa we kandi rigaragara mu bindi byangombwa atunze, bityo akaba asaba ko ryakongerwa mu buryo bukurikije amategeko mu mazina asanganywe.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'amategeko, kongera izina KARAKE mu mazina asanganywe, TURATSINZE Aime Fabrice, bityo akitwa **TURATSINZE KARAKE Aime Fabrice** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa NDIKUMANA Anastase mwene Semiryango na Nyiranzayino, utuye mu Mudugudu wa Cyoga II, Akagari ka Taba, Umurenge wa Muhura, Akarere ka Gatsibo, mu Ntara y'Iburasirazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo NDIKUMANA Anastase, akitwa NDIKUMANA Naphtal mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yiswe n'ababyeyi ariko ntiryandikwa mu gitabo cy'irangamimerere.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-06-17

## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa MUBERUKA Jamadah mwene Muberuka na Mukampunga, utuye mu Mudugudu wa Juru, Akagari ka Kabeza, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo MUBERUKA Jamadah, akitwa MUBERUKA Frank mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina akoresha mu gihugu cyo hanze.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-07-15

## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa KAMALIZA Uwitonze mwene Kamali na Kayitesi, utuye mu Mudugudu wa Bugoyi, Akagari ka Bugoyi, Umurenge wa Gisenyi, Akarere ka Rubavu, mu Ntara y'Iburengerazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo KAMALIZA Uwitonze, akitwa UWITONZE Aline mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yabatijwe.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-07-16

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa RUBANDA Abel mwene Bajyagahe na Nyiramayagwa, utuye mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Gatare, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo RUBANDA Abel, akitwa MUGIRANEZA Abel mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina rimutera ipfunwe.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-07-29

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa YEZAKUZWE Genereuse mwene Habyarimana na Mukankwaya, utuye mu Mudugudu wa Kabagari, Akagari ka Rusasa, Umurenge wa Ngororero, Akarere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo YEZAKUZWE Genereuse, akitwa BENURUGO Genereuse mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina ry'umuryango.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-07-29

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## <u>INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA</u>

Turamenyesha ko uwitwa NYINAWABASINDI Mediatrice mwene Uwimana Innocent na Yankurije Eugenie, utuye mu Mudugudu wa Ibuhoro, Akagari ka Nyakabanda I, Umurenge wa Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo NYINAWABASINDI Mediatrice, akitwa ISIMBI Mediatrice mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina adashaka.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-24

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## <u>INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA</u>

Turamenyesha ko uwitwa NSABUMUGABE Ratifa mwene Nsabumugabe Jean Paul na Mukarugambwa, utuye mu Mudugudu wa Gikundiro, Akagari ka Karama, Umurenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo NSABUMUGABE Ratifa, akitwa NSABUMUGABE Ornella mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yiswe n'ababyeyi ariko ntiryandikwa mu gitabo cy'irangamimerere.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-24

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa MVANO KIREZI Shania Tanita mwene Mvano Yusufu na Uringaniye Speciose, utuye mu Mudugudu wa Karurayi, Akagari ka Kigarama, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo MVANO KIREZI Shania Tanita, akitwa MVANO KIREZI Tanita mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari amazina maremare.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-21

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa BIHOMORA Elisabeth Grace mwene Inyabuga Seraphin na Murebwayire Henriette, utuye mu Mudugudu w'Umucyo, Akagari ka Rwampara, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo BIHOMORA Elisabeth Grace, akitwa RANGIRA Elisabeth Grace mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina adashaka.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-24

## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa HAKIZIMANA Elissa mwene Mutabazi na Mukayamuremye Henriette, utuye mu Mudugudu wa Kigese, Akagari ka Ntovi, Umurenge wa Rukumberi, Akarere ka Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo HAKIZIMANA Elissa, akitwa HAKIZIMANA Elyse mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yabatijwe

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-22

## REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa SHEMARYASE Frank mwene Semakawa Silas na Nyakubyara Diane, utuye mu Mudugudu wa Musamvu, Akagari ka Karenge, Umurenge wa Kibungo, Akarere ka Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo SHEMARYASE Frank, akitwa SHEMA Tito mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yabatijwe

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-17

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa NTAKIRUTIMANA Simeon mwene Uwabakurikiye, utuye mu Mudugudu wa Rugero, Akagari ka Rugando, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo NTAKIRUTIMANA Simeon, akitwa NTAKIRUTIMANA Evode mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uguhuza amazina.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-03

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa GATEGABONDO KANGABE Veronique mwene Gategabondo Egide na Mukamusoni Nathalie, utuye mu Mudugudu wa Gasange, Akagari ka Rugando, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo mu mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo GATEGABONDO KANGABE Veronique, akitwa NKUBITO Veronique mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina ry'umuryango.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-24

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa MUKANDAYISENGA Marie Diora mwene Nyandwi na Bamporineza, utuye mu Mudugudu wa Nyamatete, Akagari ka Gasave, Umurenge wa Rugendabari, Akarere ka Muhanga mu Ntara y'Amajyepfo yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo MUKANDAYISENGA Marie Diora, akitwa MUKANDAYISENGA Elvira Diora mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina yabatijwe.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-08-07

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

## INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA

Turamenyesha ko uwitwa HITABATUMA Emmanuel mwene Kayiranga na Mujawamariya, utuye mu Mudugudu w'Umuco, Akagari ka Kamutwa, Umurenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ari yo HITABATUMA Emmanuel, akitwa ASHIMWE Emmanuel mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni uko ari izina rimutera ipfunwe.

Byemejwe na:
**Prof. SHYAKA Anastase**
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Agaciro k'icyangombwa
Cyatanzwe kuwa: 2020-07-30

**ICYEMEZO N° RCA/050/2020 CYO KU WA 13/02/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « ABABAJI NYANZA»**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n$^o$ 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n$^o$ 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative **« ABABAJI NYANZA»** ifite icyicaro mu Kagari ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative **«ABABAJI NYANZA»** ifite icyicaro mu Kagari ka Nyanza, Umurenge wa Busasamana, Akarere ka Nyanza, Intara y'Amajyepfo, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative **«ABABAJI NYANZA»** igamije guteza imbere ububaji. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative **«ABABAJI NYANZA»** itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 13/02/2020

**(Sé)**
**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**
**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N° RCA/0452/2019 CYO KU WA 15/07/2019 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « INTAGERURA ZA MUHANDA» (KIM)**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative **« INTAGERURA ZA MUHANDA» (KIM)** ifite icyicaro i Butimba, Umurenge wa Bugarura, Akarere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative **« INTAGERURA ZA MUHANDA» (KIM)** ifite icyicaro i Butimba, Umurenge wa Bugarura, Akarere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative **« INTAGERURA ZA MUHANDA» (KIM)** igamije guteza imbere ubworozi bw'inka. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative **« INTAGERURA ZA MUHANDA» (KIM)** itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 15/07/2019

**(Sé)**
**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**
**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N° RCA/0010/2020 CYO KU WA 22/01/2020 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « DUTERANINKUNGA COKO»**

**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo ku wa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative **« DUTERANINKUNGA COKO »** ifite icyicaro i Nyange, Umurenge wa Coko, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya 1:**

Koperative **« DUTERANINKUNGA COKO »** ifite icyicaro i Nyange, Umurenge wa Coko, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative **« DUTERANINKUNGA COKO »** igamije guteza imbere ubucuruzi bw'ibinyampeke. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative **« DUTERANINKUNGA COKO »** itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, ku wa 22/01/2020

**(Sé)**
**Prof. HARELIMANA Jean Bosco**
**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**